Kigali kuwa, 5 Kamena, 2020
Ref. N°: DIS/CRC/ 011 /RwandaFDA/2020

RWANDA FDA
Rwanda Food and Drugs Authority

P.O. Box 84 Kigali
info@rwandafda.gov.rw
www.rwandafda.gov.rw

Abaranguza za Alukolo (Alcohol) (Bose)
Abadandaza za Alukolo (Alcohol) (Bose)
Abakora ibinyobwa birimo alukolo (Bose)
Abakoresha za alukolo (Bose)
Abaturarwanda (Bose)

Bwana/Madamu

Impamvu: Kuburira abantu ku ngaruka za Metanolo (Methanol) ndetse no kubuza kuyikoresha mu muti usukura intoki (Hand sanitizer) no mu nzoga

Hashingiwe ku itegeko N°: 003/2018 ryo kuwa 09/02/2018 rishyiraho ikigo cy'igihugu gishinzwe kugenzura ibiribwa n'imiti (Rwanda FDA), cyane cyane mu ngingo yaryo ya 8, igika cya 13;

Hashingiwe kandi ku mabwiriza nomero DIS/GDL/026 yo ku wa 26/03/2020 asobanura uburyo bwo gutunganya umuti usukura intoki hakoreshejwe alukolo,

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibiribwa n'imiti (Rwanda FDA) kiraburira abantu bose ko

1. Hari abari gukora amakosa yo gukora umuti usukura intoki bakoresheje Metanolo (Methanol) aho gukoresha Etanolo (Ethanol) cyangwa iyo bita Isopropule alukolo (Isopropyl alcohol).

Abaturarwanda baramenyeshwa ko metanolo:

- **Itica virusi cyangwa utundi dukoko nka bagiteri**
- **Yangiza uruhu,**
- **Yangiza imyanya y'ubuhumekero mu gihe umuntu ayihumetse**
- **Ishobora kwaka bikaba byateza inkongi y'umuriro mu gihe itabitswe neza**

2. Hakurikijwe ibipimo bya Laboratoire byakozwe na Rwanda FDA, ibinyobwa bimwe birimo alukolo byasanzwemo metanolo iri kugero cyo hejuru

Ingaruka zo kunywa inzoga zirimo Metanolo harimo izi zikurikira:

- **Ishobora gutera urupfu**
- **Ishobora gutera ubuhumyi**
- **Yangiza mu gifu igihe umuntu ayinyoye**
- **Yangiza impyiko n'ibindi bice by'umubiri**

UBUTUMWA KU NGANDA ZIKORA UMUTI USUKURA INTOKI (HAND SANITIZER)

- Turamenyesha abakora imiti isukura intoki (hand sanitizers) ko ikorwa gusa n'ababiherewe uburenganzira,
- Turasaba ko bakoresha ibikoresho byujuje ubuziranenge kandi bikagurirwa ahabugenewe
- Turabasaba kudakoresha Metanolo (Methanol) ahubwo bagakoresha ethanol cyangwa Izoporopile alukolo (Isopropyl alcohol) ku kigero gikwiye nk'uko biri mu nyandiko yerekana uko umuti usukura intoki ukorwa ya Rwanda FDA (DIS/GDL/026) iri kuri website http://www.rwandafda.gov.rw/web/fileadmin/HANDSAN.pdf
- Metanolo ntabwo yemewe gukoreshwa mu muti usukura ibikoresho cyangwa ahantu runaka

UBUTUMWA KU NGANDA ZIKORA INZOGA N' IBINYOBWA BIRIMO ALUKOLO

- Birabujijwe gukoresha Metanolo mu gukora inzoga cyangwa ibindi binyobwa birimo alukolo,
- Gukurikiza uburyo bukwiye mu gukora ibinyobwa birimo alukolo cyane cyane hirindwa ko metanolo yaba muri ibyo binyobwa (manufacturing Process)
- Gukora ibipimo bya Laboratwari hakarebwa ibigize ibinyobwa birimo alukolo ndetse n'ingano yabyo nyuma yo kubikora. Ni ukuvuga mbere yo kubishyira ku isoko (Laboratory quality control).

UBUTUMWA KU BAKORA AHO BOGOSHERA (SALON DE COIFFURE)

- Turasaba ko alukolo yo gukoresha muri salon de coiffure igurirwa ahantu hemewe (muri Farumasi)
- Tuributsa ko alukolo ikoreshwa muri salon de coiffure ari Ethanol iri ku kigero gikwiye (70%-80%)
- Tuributsa ko bibujijwe gukoresha Metanolo muri salon de coiffure kuko yatera ingaruka zikomeye ku bantu

- Turasaba ko icupa alukolo irimo ry'umwimerere rigomba kuba rigaragaza amakuru yose aranga iyo alukolo.

UBUTUMWA KU BARANGUZA ALUKOLO NA ZA FARUMASI

- Turamenyesha ko alukolo zirimo na Metanolo ziranguzwa n'ababyemerewe gusa
- Turasaba abaranguza Metanolo kuyigurisha kuri company ziyikoresha mu byo yagenewe gukoramo gusa, bakabanza bakamenya amakuru ku wo bayihaye.
- Turasaba ko alukolo idakwiye gucuranurwa mucyo yaguzwemo cyumwimerere igashyirwa murindi cupa.
- Turasaba ko icupa alukolo irimo ry'umwimerere rigomba kuba rigaragaza amakuru yose aranga iyo alukolo.

UBUTUMWA KU BAKORESHA UMUTI USUKURA INTOKI (HAND SANITIZER)

- Kugurira umuti usukura intoki ahantu hemewe (Farumasi)
- Kugenzura ikirango kiri ku icupa riguriwemo umuti usukura intoki nibura ibi bikurikira:
  a) Ingano ya etanolo 70-80% (ethanol) cyangwa Isopropile alukolo (Isipropyl alcohol 75%) n'ibindi biyigize harimo glycerine na Hydrogen peroxide
  b) Nomero iyiranga (Batch number), itariki yakozweho n'igihe izarangirira (Manufactruing date and expiry date)
  c) Izina ry'uruganda rwayikoze

Icyitonderwa: Abashaka gusaba ibisobanuro ndetse no kuduha amakuru bakoresha uburyo bukurikira:

- Guhamagara kuri Telephone : **07 89 19 35 29;**
- Kutwandikira kuri Tweeter: **@RwandaFDA**; cyangwa Facebook: **Rwanda Food and Drugs Authority**

Tubashimiye ubufatanye bwanyu.

Dr. Charles KARANGWA
Ag. Director General